

TUMENYE BIBILIA

IKIGANIRO NO 0055

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y’Imana nabane nawe. Kaze muri iki kiganiro ugezwaho nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Duherukana Yakobo ahura n’umuhungu we bagahoberana cyane bakarira. Mu by’ukuri Yakobo yari azi yuko Yosefu yapfuye. Ariko bongeye guhura nyuma Yosefu yakuze kandi ari umuntu ukomeye mu gihugu cya Egiputa. Byari byoroshye cyane kuri Yosefu kwihorera kuri bakuru be. Kukubamugiriye nabi bakamugurisha azira akarengane. Nyari byoroshye nanone ko Yosefu yihorera kuri Potifari n’umugore we kuko bamushyize mu nzu y’imbohe arengana. Kandi muri aka kanya Yosefu yari afite ububasha buruta ubwa Potifari, kuko ni we wakurikiraga umwami Farawo ariko. Yosefu yababariye umuryango wa Potifari. Ni abakristo bangahe bafite uwo mutima nk’uwa Yosefu? Ahubwo benshi muri twe twabwira icyo twazamuye haba mu kazi, mu itorero cyangwa ahandi hantu hose. Usanga twifashisha bwa butware baduhaye mu gupyinagaza no kwihorera abatugiriye nabi aho kubabera mugisha nka Yosefu! Umukristo Imana iramuzamurira yamara kumugira Pasiteri agahita yitwaza ubuyobozi yahawe akirukana umuririmbyi ngo ni uko bigeze kudahuza umunsi umwe. Nyumvira na we! Umuntu arahabwa promotion mu kazi, amaze kuba director w’ikigo runaka agafata umwanzuro wo kwirukana abakozi bese bagiye barwanya ibitekerezo bye. Kwihorera ni ukw’Imana. Yosefu ntabwo ari uko yabyitwayemo namba. Abamugiriye nabi bese. Yarabababariye kubw’ineza y’umuryango we n’igihugu cya Egiputa. Hari ikintu nkunda kuwira abantu nti; igihugu ntigishobora kugira amahoro. Mu miryango hari imyirya; kugira ngo, igihugu kigire amahoro nuko no mu miryango yacu hagomba kuba hari ubwumvikane. Birakwiye ko imiryango yose y’abanyarwanda tubanza tukumvikana tukababarirana kugira ngo Imana ibone guha umugisha u Rwanda.

Ntatinze reka dutangire ikiganiro cyacu. Uyu munsi ndakubwira uburyo Yosefu amaze kubonana na se Yakobo na bene se; yabajyanye kubereka umwami Farawo. Wibuke ko uyu mwami Farawo yakundaga Yosefu cyane. Ikindi turibuganire uyu munsi ni isezzerano Yosefu yagiranye na se Yakobo, amubwira ko namara gupfa azamushyigura mu gihugu cy’iwabo I Kanani. Nubwo baje bagatura muri Egiputa bese n’amashyamba yabo n’abana babo n’abagore babo na bavandimwe babo bese. Ariko mu by’ukuri igihugu Imana yari yarabahayeho gakondo cyari

Kanani. icyatumye baza gutura muri Egiputa nuko hateye inzara maze Yosefu akabatumaho ngo baze kwibera muri Egiputa kuko muri icyo gihugu bari barahunitse impeke zo kubatunga muri icyo myaka 7 yose y'inzara. Twabonye uko Yakobo n'umuryango we bageze mu gihugu cy'I Gosheni. Gosheni hari ubutaka bwiza cyane n'ubwo ubu hari inzara nta hantu na hamwe heraga. Muri iki gice turaza kubona ubwiza bw'Imana buri muri Yakobo n'ubwo atariko yari ameze mbere igihe yerekeza muri Egiputa. Kuko Yakobo yatangiye kubana n'Imana neza ageze muri Egiputa.

Ntujye kure y'inyakiramajwi yawe, inyuma ya kano karuhuko ndagaruka nkubwire uko byagenze

***YOSEFU YEREKANA SE NA BENE SE FARA WO, YOSEFU ASEZERANYA SE KO
AZASHYINGURWA I KANANI***

Yosefu aragenda abwira Farawo ibyo byose ati “Data na bene data, n'imikumbi yabo, n'amashyo yabo n'ibyo bafite byose, bageze ino bavuye mu gihugu cy'I Kanani none bari mu gihugu cy'i Gosheni.

Muri bene se atoranyamo batanu, abashyira Farawo. Farawo abaza abene se wa Yosefu ati “umwuga wanyu ni umuki?” basubiza Farawo bati ‘Abagaragu bawe turi abashumba, twe ubwacu na Basogokuruza. [Itang. 47:1-3].

Twabonye ko muri iki gihe Abanyegiputa batakundaga ubushumba, none ubu abana ba Isirayeli bazanye ibyo Abanyegiputa badakunda gukora.

Kandi babwira Farawo bati “Dusuhukiye muri iki gihugu kuko abagaragu bawe twabuze ubwatsi bw'imikumbi yacu, kuko inzara ari nyishi cyane mu gihugu cy'I Kanani, none turakwinginze emera ko abagaragu bawe dutura mu gihugu cy'I Gosheni.

Farawo abwira Yosefu ati “So ne bene so baje iwawe, igihugu cya Egiputa kiri imbere yawe ngo utuze so na bene so ahantu haruta ahandi ubwiza, bature mu gihugu cy'i Gosheni, kandi niba uzi muri bo ba rukunyu ubagire abatahira b'inka zanjye.” [Itang. 47:4-6].

Nubwo muri Egipta batakundaga ubworozi, Farawo we yari akeneye umuntu wo kwita ku nka ze. Wibuke ko uyu Farawo uri gutegeka Egipta muri iki gihe atari afite inkomoko muri Egipta. Ni umwe muri ba Farawo bategetse Egipta bitwaga aba Hyksos. Iyo ukurikiranye neza, amateka yabo nk'uko nabivuze mbere; usanga aba Hyksos bakomoka mu ba beduwini baturaga mu majyepfo y'ubutayu bwa Arabiya. Inkomoko y'Aba beduwini rero ifite aho ihurira n'iya Abisraeli kuko nabo bakomoka mu gice kimwe cyo muri ubwo butayu. Navuga ko iyi ari imwe mu mpamvu uyu mu Farawo yakundaga Yosefu cyane. Ibi turabibona no muri iki gihe cyacu. Iyo ugeze mu mahanga ugahura n'umunyarwanda mukomoka mu gihugu kimwe wumva umunezererewe nubwo mwaba mutaziranye. Ariko biragushimisha kuko uba uzi neza ko uhuye na mwene wanyu mukomoka mu gihugu kimwe. Wumva uteri wenyine I mahanga, ndetse kenshi muhita muba n'inshuti mugatangira kuganira ku makuru yo mu gihugu cy'iwanyu. Mugakumbuzanya u Rwanda. Turashima Imana kuko yaduhaye ubuyobozi bwiza. Ntekereza ko abanyarwanda batuye imahanga batajya bakumbura u Rwanda cyane' kuko hari ubwo u Rwanda rubasura mu bihugu byabo binyuze muri gahunda ya leta yitwa Rwanda Day. Iyo witegereje abanyarwanda kuri uwo munsu, ubona bizihiwe cyane. Bashimishwa no guhura na Perezida w'igihugu n'abandi bayobozi bari kumwe, bakanezezwa no kumva aho igihugu kigeze mu iterambar. Ndahamya neza ko nabo ubwabo kaba ari akandi kanya keza; baba babonye kukuganira. Kuko hariya buri wese aba ari muri shuguri z'ubuzima. Uyu Farawo rero niko byamugendekeye yakunze Yosefu bidatwe nuko amurotoreye inzozo gusa ahubwo no kumva ko bakomoka ahantu hamwe. Nsubiye inyuma gato, ndashaka kukubwira ko Farawo ritari izina bwite ry'umwami. Oya ahubwo iri ryari izina rusange ry'abami bategeka muri Egipta. Umwami yashoboraga kuba afite irinde izina rye bwite hanyuma bakongera n'izina ry'ubwami bwa Egipta ari ryo Farawo. Bashoboraga kuvuga bati hari Farawo wa mbere, wa kabiri cyangwa wa gatatu n'abandi n'abandi. Ni cyo kimwe n'iwacu mu Rwanda rwa kera. Umwami yashoboraga kuba afite irindi izina rye bwite ariko agahabwa n'izina ry'ubwami. Urugero: Umwami Mutara wa III Rudahigwa. Izina rye bwite ryari Charles Rudahigwa hanyuma izina ry'ubwami rikaba Mutara wa III. Mu yandi magambo hari ba Mutara bandi babiri bategetse u Rwanda mbere ye. Ibi mbisobanuye kugira ngo nitugera muri Kuva utazibaze impamvu undi Farawo yafashe nabi ubu bwoko bwa Israeli bitandukanye n'uyu Farawo bariho batubwira wakiriye neza umuryango wa Israel. Bose ni ba Farawo bategetse Egipta ariko mu bihe bitandukanye.

Yosefu yinjiza na se Yakobo amushyira Farawo, Yakobo asabira Farawo umugisha. [Itang. 47:7].

Yakobo niwe uri gutanga umugisha kuri Farawo. Yakobo ubu ni umuhamya w’Imana kuko yamaze guhura nayo muri iki gihugu cy’ubusuhuke.

Farawo abaza Yakobo ati “Imyaka y’ubukuru bwawe ni ingahe?” [itang. 47:8].

Iyo aba Yakobo wa kera aba yaramubwiye byinshi ku byerekeye ubuzima bwe ati; mfite imyaka 130 n’ibindi byinshi, ariko ubu atandukanye nuwa kera. Umva icyo Yakobo yasubije.

Yakobo asubiza Farawo ati “imyaka y’uruzerero rwanjye ni ijana na mirongo itatu, iyo myaka y’ubukuru bwanjye ibaye mike na mibi ntingana n’imyaka y’ubukuru bwa Basogokuruza, mu minsi y’uruzerero rwabo. [Itang. 47:9].

Yakobo yagiye muri Egipta afite imyaka ijana na mirongo itatu, kandi yari ashaje pe. Ariko Imana yamwongereye iminsi yo kubaho muri iki gihugu abana n’umuhungu we kuko yapfuye amaze imya 17 muri Egipta. Yakobo yapfuye afite imyaka ijana na mirongo ine n’irindwi. Ariko ntibyamubuzaga guhimbaza Imana. Hari umuntu mukuru nigeze kubaza nti mbese kuki utakiboneka mu materaniryo yo kuramya no guhimbaza; arangije arambwira ngo; erega abantu bakuru tuba twarahimbaje Imana kera. Ati; tukiri baton ka mwe twahimbaje Imana cyane. Ngo ubu ni mwebwe mugomba kubikora. Ese wemeranya n’uyu mukristo? Nshuti yanjye ntabwo kuramya Imana no kuyihimbaza bigendana n’imyaka dufite. Mu Mana na pension ibaho, mu yandi magambo ntabwo Mana abantu bajya mu zabukuru. Yakobo yarinze akwiza imyaka 147 agihimbaza Imana nkanswe twebwe tutakirenza imyaka 100 iyo yabaye myinshi. Ni iki cyatubuza guhimbaza Imana koko ko imirimo idukorera itangaje? Ndabyemera rwose ko hari imyaka umuntu ageramo akaba atagifite imbaraga nka mbere. Ibikorwa bimwe yakoraga akabihagaritsa kubera umubiri, watangiye kunanirwa. Ariko kandi nzi abakecuru benshi n’abasaza benshi biterera hejuru bagacinya akadiho bahimbaza Imana yabo, ukabona ari ibintu bishimishije cyane. Ese utekereza ko Dawidi yarinze apfa atagihimbaza Imana. Uyu mugabo wari umucuranzi mwiza. Akaba n’umuramyi w’Imana, ntekereza ko bashobora kuba baramuhambanye n’inanga ye. Kuko mu buzima bwe nta cyamurutiraga guhimbaza Imana. Wowe se wabuzwa ni iki nshuti yanjye? himbaza Imana bijyanye nuko imyaka yawe ingana. Ntabwo mvuze ngo witerere hejuru cyane nk’abasore kuko ibyo ntiwabishobora ariko bikore uko

imbaraga zawewe zingana Imana izabiguhere umugisha. Yakobo yatangiye guhimbaza Imana amaze kugera mu zabukuru.

Yakobo asabira umugisha Farawo maze amuva imbere. [Itang. 47:10].

Mu bwitonzi Yakobo yarahageze ariko kuko yari aziko Farawo ari umutegetsi ukomeye; yakabaye yaramwiratiye uko kera yahoze ameze afite ubutunzi mu gihugu cya Kanani. Ariko ni umunyabyaha wagiriwe ubuntu n’Imana kuri ubu. Muri iki gihe hari aba kristo benshi biratana ubutunzi bwabo, ibyo baribyo, cyangwa uko bahoze kuva na kera. Iyo so imyifatire y’umukristo w’ukuri. Yakobo afite umwanya mwiza kuko yaje guhinduka. Ntabwo Yakobo yabaye nk’aba bakozi b’Imana wumva bivuga ibigwi aho bari hose. Ibyo ntibikwiye kuranga umukristo nyawe. Ahubwo Yakobo yagize umutima wo guca bugufi kuko yagiriwe ubuntu n’Imana.

Yosefu atuzaza se na bene se, abaha gakondo yo mu gihugu cya Egipta aharuta ahandi ubwiza, mu gihugu cy’i Ramesesi, uko Farawo yategetse. [Itang. 47:11].

Ubutaka bwa Ramesesi ni bwo bwa Gosheni.

Yosefu ahora agerera se na bene se bese igerero, uko abana babo bangana.

Nuko mu gihugu hose ntihabwa ibyo kurya kuko inzara yari nyinshi, bituma abo mu gihugu cya Egipta n’abo mu gihugu cy’i Kanani barabishwa n’inzara. [Itang. 47:12–13].

Impamvu havugwa Kanani na Egipta; ni uko aribyo bihugu tubona muri iyi nkuru yacu. Iyo Yakobo ajya kuguma i Kanani n’abana be bari kuzashira kuko imyaka yari ihunitswe muri Egipta, ariko naho turabona ko byatangiye gushira.

Yosefu ateranya ifeza zose zari mu gihugu cya Egipta no mu gihugu cy’i Kanani bazanye guhahisha, Yosefu azizana mu nzu ya Farawo. [Itang. 47:14].

Ubu rero tugeze aho Yosefu yaguze amatungo n’ubutaka by’abaturage.

Ifeza zose zishize mu gihugu cya Egipta n’icya Kanani, Abanyegiputa bese bajya kuri Yosefu bati “Duhe ibyo kurya. Twapfirira iki imbere yawe, ko ifeza zacu zishize?”

Yosefu arabasubiza ati ‘mutange amatungo yanyu nanjye ndabaha ibyo kurya, muhahishe amatungo niba mubuze ifeza.

Bazanira Yosefu amatungo yabo, Yosefu abahahisha ibyokurya ku mafarashi n'imikumbi, n'amashyo, n'indogobe, abagaburira ibyo kurya uwo mwaka, abahahisha ku matungo yabo yose.

Uwo mwaka ushize, mu mwaka wa kabiri baza aho ari baramubwira bati 'Ntitwahisha databuja yuko ifeza zacu zose zashize, kandi amashyo yacu yose abaye aya databuja, nta n'igisigaye imbere ya databuja kitari imibiri yacu n'ubutaka bwacu. Twapfirira iki mu maso yawe twe n'ubutaka bwacu? Tugurane n'ubutaka bwacu, twe n'ubutaka bwacu tuzabe imbata za Farawo, uduhe imbuto tubeho twe gupfa, igihugu kikaba umwirare'.

Nuko Yosefu agurira Farawo ubutaka bwa Egiputa bwose, kuko Umunyegiputa wese yaguraga umurima we, kuko inzara yabateye cyane, igihugu cyose kikaba gakondo ya Farawo. [Itang. 47:15–20].

Ntagushidikanya iyi nzara yari icyorezo.

Abantu arabimura, ahera ku ngabano za Egiputa z'uruhande rumwe ageza ku z'urundi, abashyira mu midugudu. [Itang. 47:21].

Yosefu yohereje abantu mu midugudu yari yarahisemo kera; hafi y'aho begeranyirizaga imyaka.

Yosefu abwira abantu ati 'Dore uyu munsu mbaguriye Farawo mwe n'ubutaka bwanyu none imbuto zanyu ngizi muzabibe ku butaka.

Kandi uko muzajya musarura, muzajye muha Farawo igice cya gatanu cy'icyatamurima, ibice bine bizajya biba ibyanyu ngo mubikureho imbuto zo kubiba mu mirima, bibe n'ibyo kurya byanyu n'abo mu ngo zanyu, n'abana banyu bato. [Itang. 47:23–24].

Yosefu yari azi ko inzara izarangira mu mwaka ukurikiyeho. Niyo mpamvu yabwiye abantu ngo bahinge.

Yosefu yandikisha iryo tegeko, riba itegeko ridakuka mu gihugu cya Egiputa, ko Farawo ahabwa igice cya gatanu.

Ubutaka bw'abatambyi bwonyine nibwo butabaye ubwa Farawo. [Itang. 47:26].

YOSEFU YEMERERA YAKOBO KO AZAMUSHYINGURA I KANANI

Abisirayeli batura mu gihugu cya Egiputa, mu gihugu cy’i Gosheni, baronkerayo ibintu, barororoka, bagwira cyane.

Yakobo yongera kurama indi myaka cumi n’irindwi ari muri Egiputa, nuko imyaka Yakobo yaramye yari ijana na mirongo ine n’irindwi.

Iyo niyo myaka y’ubugingo bwe. Igihe cyo gupfa kwa Isirayeli kiri bugufi, ahamagaza umwana we Yosefu aramubwira ati “Niba nkugiriyeho umugisha, ndakwinginze shyira ukuboko kwawe muni y’ikibero cyanjye, ungirire neza umbere umunyamurava.

Ndakwingize, ntuzampambe muri Egiputa, ahubwo ninsinzirana na data na sogokuru, uzanjyane unkure muri Egiputa, umpambe mu gituro cyabo’

Aramusubiza ati “Nzabikora uko untegetse.”

Aramurahiza ati “Ndahira.”Aramurahira Isirayeli yikubita ku musego yubamye. [Itang. 47:27–31].

Ndakeka ko hari impamvu nyinshi zatumye Yakobo adashaka gushyingurwa muri Egiputa. icyambere arashaje ubu afite imyaka 147 arabona ko agiye gupfa vuba, Aburahamu yizeye ko Imana izamuzura mu bapfuye kuri ubwo butaka, na Isaka yarabyizeye. Uko kwari ukwizera kwa kera kuko mu Isezerano Rishya, tubona ko aho tuzaba dushyinguye hose Imana izatuzura. Yakobo we yizeraga ko kuzuka kwe kuzabera ku butaka bw’isezerano. Uko ni ukwizera ko mu Isezerano rya Kera. Kuko kwizera guhari mu Isezerano Rishya ni; ugupfira muri Kristo, no kuzukira muri Kristo. Yakobo ubu ni umugabo ufite ukwizera.

Gusoza

Muri iki gihe dukeneye abakristo bameze nka Yakobo bafite kwizera gukomeye no kwemera ubuntu bw’Imana bugakorera muri bo. Ni byo yanyuze mu bubi. Yaranzwe no kwishingikiriza ubwenge bwe. Igice kinini cy’ubuzima bwe nta na rimwe yigeze agira umutima wo guca bugufi. Ibi byagiye bimuzanira ingaruka mu buzima bwe. Zimwe mu ngaruka yagize navuga nko gutunga abagore babiri atabiteganyije, no kubyara abana b’ababeshyi nka we kuko twabonye ko yari umuriganye uteye ubwoba. Yariganyije mukuru we Esawu ndetse n’igihe yabaye kwa

Labani Bibiliya itwereka ko nta bundi buzima bari babayeho we na Nyirarume usibye kuriganya hagati yabo. Ibi bigatuma aba bagabo bombi batizerana. Ariko Yakobo ageze muri Egiputa yasobanukiwe imbaraga z'ubuntu butangaje bw'Imana. Bituma aca bugufi, ndetse arinda apfa yizeye ko Imana izamuzurira muri gakondo y'iwabo ya Kanani hamwe na sekuru Aburahamu na se Isaka. Nshuti yanjye unteze amatwi, reka kwikanyiza. Hindukirira Imana; wemere ko uri umunyabyaha. Twese amateka yacu yari mabi ariko kubw'ubuntu n'ineza y'Imana ihanagura ayo mateka. None ubu dufite ibyiringiro byo kuzabona Umwami wacu Yesu Kristo. Uwo twapfanye nawe turongera kandi tuzukana na we. Ndakwifuriza na we kuzaragwa gakondo yo mu ijuru.

Ntabwo nareka kuvuga kandi kuri Yosefu. Muri iki gice turimo cya 47 cyo mu Itangiriro. Yosefu aratanga urugero rwo kuba umuyobozi mwiza. Umuyobozi mwiza yubaha Imana, nayo ikamusanga ikamwibira amwe mu mabanga y'ukuntu igihugu kizaba kimeze mu myaka iri imbere. Ibi bigatuma amenya uko abasha gukemura ibibazo by'ingutu bishobora gutera igihugu. Byaba ibibazo by'ubukungu, iby'ubuzima cyangwa umutekano. Yosefu yisunze Iman mu gihe cye, Imana imuhihurira byinshi bizaba muri Egiputa. Nubwo inzara yateye, kugeza ubwo imitungo n'ubutaka bya bantu bishira. Nta muturage n'umwe muri Egiputa wigeze yicwa n'inzara. kuko Imana yabwiraga Yosefu icyo agomb gukora, ikamwereka n'igihe iyo nzara izarangira. U Rwanda rukeneye abayobozi bameze nka Yosefu. Basabana na Yo maze na Yo ikabamenera amabanga y'ukuntu u Rwanda ruzaba rumenze mu myaka 5 cyangwa 10 iri imbere. Ibi bizatuma bamenya gufata imyanzuro yatuma abaturage babaho neza. Mwene data, ese ujya ufata umwanya wo gusengera abayobozi b'igihugu? Ni inshingano yawe nk'umukristo gusengera government n'ubuyobozi bw'inzego zibanze bw'igihugu cyacu. Imana ishimwe ko yaduhaye ubuyobozi bwiza bukunda abaturage kandi bushyira imbere ineza ya buri munyarwanda wese. Iyo ndebye cyangwa nkumva ibibera hanze, ndatangara cyane. Hari abaperezida bamwe batinyuka kurasa abaturage bayoboye. Abandi nabo bakarya umutungo w'igihugu uko bashatse. Ni ukuri rwose ndashima Imana ko mu gihugu cyacu abayobozi batitwara gutyo. Ariko ibi ntibivuga ko tugomba kudamarara ngo turekeraho gusenga. Oya ahubwo. Wowe na njye dukwiye kurushirizaho kubasengera kugira ngo u Rwanda rukomeze kuba icyitegererezo mu mahanga uko ibihe bizagenda bikurikirana haba mu butunzi, muri politike, mu mikino, mu byerekeranye n'amagara y'abantu n'umutekano.

Isengeso

Mwami Yesu ndasengera ubuyobozi bw'igihugu cyacu cy'u Rwanda. Mpereye kuri perezida, government, abadepite, abasenateri, abayobozi b'intara, abayobozi b'uturere n'imirenge, abayobozi b'utugari n'imidugudu. Ngo mu izina ryawe Yesu bayobore bisunze Ijambo ryawe nk'uko Yosefu yabigenje. Nibwo uzajya ubahishurira amabanga y'igihugu cyacu. Ubarememo umutima wo gukiranuka no guharanira icyateza imbere umunyarwanda. Nsenze nizeye ko ubikoze mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo. Amen!

Nshuti yanjye ese waba wibuka ko Yosefu yari yarabyariye muri Egiputa abahungu babiri Manase na Efurayimu ku mugore we Asenati? Ntuzacikwe n'ikiganiro cy'ubutaha nzakubwira uburyo sekuru w'aba bahungu ari we Yakobo yabahesheje umugisha mbere yuko apfa agasanga Aburahamu na Isaka mu gituru.

Amahoro n'umugisha biva ku Mana Data n'Umwana wayo Yesu Kristo n'Umwuka Wera bibane nawe